UMWALIMU SACCO
Together we thrive

<u>**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO BOSE**</u>

Banyamuryango,

Dushingiye ko nyuma y'uko abarimu bongejwe umushahara, guhera mu kwezi kwa Kanama umwaka ushize, ubunini bw'inguzanyo zisabwa bwiyongereye cyane kugeza aho igipimo cy'inguzanyo ziri mu banyamuryango ugereranyije n'umutungo rusange w'ikigo cyari kuri **85%** mu mpera z'ukwezi kwa Kamena 2023 kandi kitagomba kurenga 80% nk'uko amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu BNR abiteganya;

Dushingiye kandi ko inguzanyo zimaze gutangwa muri uyu mwaka uhereye ku itariki ya 1 Mutarama ukageza ku itariki 20 Kanama zigera kuri **miliyari 128** z'amafaranga y'u Rwanda, mu gihe hari hateganyijwe gutanga inguzanyo zingana na miliyari 150 muri uyu mwaka wose, aho bigaragara ko twazagira icyuho kitari munsi ya **miliyari 50** mu gihe twaba tutagabanyije umuvuduko dutangaho inguzanyo;

Ubuyobozi bwa Koperative Umwalimu SACCO burasaba abanyamuryango bayo bose kwihanganira uburyo twahisemo bwo gutanga inguzanyo gahoro gahoro dutegereza ko ubwishyu bw'inguzanyo zatanzwe bugenda bugabanya icyo gipimo kugeza byibuze munsi ya 80% bityo hakaboneka umwanya wo gutangiramo inguzanyo nshya, no kubahiriza igipimo cyavuzwe haruguru kugira ngo Koperative itazagwa mu bihano byo kutubahiriza amabwiriza agenga ibipimo by'imari ashyirwaho na Banki Nkuru y'Igihugu.

Tubashimiye uburyo mwakiriye izi mpinduka.

Murakoze

**Bikorewe i Kigali ku wa 21 Kanama 2023**

**UWAMBAJE Laurence**

Umuyobozi Mukuru

21/08/2023

UMWALIMU SAVINGS AND CREDIT COOPERATIVE
USACCO MWALIMU Together we thrive

Kimironko – Gasabo – Kigali | Plot nº 1020903640 | Tel. +250781469546 | E-mail: umwalimu.sacco@umwalimusacco.rw
Street: KG 205ST | P.O Box 2257 Kigali | Fax: (250)0252580426 | Website: www.umwalimusacco.rw
TIN/VAT: 101522783